

RWANDA REVENUE AUTHORITY
TAXES FOR GROWTH AND DEVELOPMENT

# SOBANUKIRWA UMUSORO KU MUSARURO MU RWANDA

HERE FOR YOU TO SERVE

## UMUSORO KU MUSARURO/NYUNGU

Ni umusoro utangwa n'abantu ku giti cyabo cyangwa ibigo bitewe n'amafaranga binjiza cyangwa inyungu babona. Mu Rwanda, abasora bagabanyijemo ibyiciro bibiri:

- **Umusoro ku musaruro ku muntu ku giti cye (PIT)**
- **Umusoro ku musaruro ku bigo (CIT)**

## UMUSORO KU MUSARURO WU MUNTU KUGITI CYE (PIT)

Uyu musoro usora umuntu ku nyungu cyangwa amafaranga yinjiza buri mwaka, yaba ayaturuka mu gihugu imbere cyangwa hanze yacyo.

### Kwishyura buri gihembwe

Nyuma yo kwishyura umusoro wa buri mwaka, ugomba no kwishyura umusoro (prepayment) buri gihembwe kuri aya matariki:

- Igihembwe cya mbere bitarenze itariki ya 30 Kamena
- Igihembwe cya kabiri bitarenze itariki ya 30 Nzeri
- Igihembwe cya gatatu bitarenze itariki ya 31 Ukuboza

**1. Uburyo bwo Gusora (Tax Regime) ku musaruro w'umuntu kugiti cye (PIT**

Abacuruzi Bato (Micro-Enterprise) – Igicuruzo cy'umwaka kiri munsi ya Frw 12,000,000

| Inyungu y'Umwaka (Frw) | Umusoro w'Umwaka | Umusoro w'igihembwe |
|---|---|---|
| From 1-2,000,000 | Nta musoro | No tax |
| 2,000,001-4,000,000 | 60,000 | Umusaruro mu gihembwe |
| 4,000,001-7,000,000 | 120,000 | Umusaruro mu gihembwe |
| 7,000,001-10,000,000 | 210,000 | Umusaruro mu gihembwe |
| 10,000,001 - 12,000,000 | 300,000 | Umusaruro mu gihembwe |

**Kubara umusoro w'igihembwe:**

Umusoro w'umwaka ushize kugabanya Igicuruzo cy'umwaka ushize × Igicuruzo cy'iki gihembwe urimo gusorera.

**Uburyo bukomatanyije (Flat-Rate) – Igicuruzo kiri hagati ya miliyoni 12 na miliyoni 20**

- Usora 3% ku gicuruzo cy'umwaka
- Ushobora guhitamo kujya mu buryo bw'ibaruramari (Real Regime) igihe ufite inyandiko zuzuye z'ibaruramari.
- Iyo uhisemo Real Regime, ugomba kugumamo byibura imyaka 3.

**Uburyo bw'ibaruramari nyakuri (Real Regime) – Igicuruzo kiri hejuru ya Frw 20,000,000**

Abasora bari muri iki cyiciro basabwa gukora ibitabo by'ibaruramari bakishyura umusoro hashingiwe ku nyungu babonye mu buryo bukurikira:

| Inyungu y'Umwaka (Frw) | | Ijanisha |
|---|---|---|
| 0 | 720,000 | 0% |
| 720,001 | 1,200,000 | 10% |
| 1,200,001 | 2,400,000 | 20% |
| 2,400,001 | Kuzamura | 30% |

## UMUSORO KU MUSARURO W'AMASOSIYETE

**28%** ku nyungu yemewe y'isosiyete

Ku bigo byiyandikishije bwa mbere ku isoko ry'imari n'imigabane ryo mu Rwanda byishyura umusoro ku buryo bukuriukira:

- **20%** niba byibura 40% by'imigabane byaragurishijwe ku isoko ry'imari n'imigabane
- **25%** niba yibura 30% by'imigabane byaragurishijwe isoko ry'imari n'imigabane

## UMUSORO KU BIKORWA BYA SERIVISI Z'IKORANABUHANGA

Isosiyete itanga serivisi z'ikoranabuhanga mu Rwanda bigaragara mu buryo bufatika mu gihugu yishyura umusoro wa 1,5% by'amafaranga yose yinjiza mu gihe cy'umusoro ava mu Rwanda.

**Igihe ntarengwa cyo Kwishyura Umusoro**

| Igihe cy'Umusoro | Itariki Ntarengwa |
|---|---|
| Umusoro w'Umwaka | Tariki ya 31 Werurwe |
| Igihembwe cya 1 | Tariki ya 30 Kamena |
| Igihembwe cya 2 | Tariki ya 30 Nzeri |
| Igihembwe cya 3 | Tariki ya 31 Ukuboza |

## UMUSARURO W'ISOSIYETE IKORA IBIKORWA BY'IMIKINO Y'AMAHIRWE

- Hakuwemo tombola mu rwego rw'Igihugu , iyo sosiyeti yishyura umusoro wa 40% ubarirwa ku kinyuranyo hagati y'amafaranga yakiriwe n'usora n'ibihembo byatsindiwe,
- Umusoro umenyekanishwa kandi ukishyurwa mu gihe kitarenze iminsi 15 ikurikira impera za buri kwezi.
- Isosiyete ikora ubucuruzi bw'imikino y'amahirwe isonewe umusoro ku nyungu z'amasosiyete

## IMISORO IFATIRWA (WITHHOLDING TAXES - WHT)

### 1. Ku bicuruzwa bivanywa hanze y'igihugu n'amasoko ya Leta

- **5%** ku bicuruzwa byinjira mu gihugu / ibicuruzwa bigeze muri gasutamo
- **3%** ku masoko ya Leta /ku mafaranga ari ku nyemezabuguzi hatarimo umusoro ku nyongeragaciro - VAT
- Abasora bafite **Quitus Fiscal** basonewe uno musoro.

### 2. Umusoro ku bihembo / Imishahara

| Umushahara wa buri kwezi | Ijanisha |
|---|---|
| 0 – 60,000 | 0% |
| 60,001 – 100,000 | 10% |
| 100,001 – 200,000 | 20% |
| Hejuru ya 200,000 | 30% |

- Umukoresha utari uw'ibanze afatira umusoro ku musaruro ukomoka ku murimo ku gipimo cya mirongo itatu ku ijana (30%).
- Abasora bafite igicuruzo kiri hasi ya 200,000,000 Frw bamenyekanisha bakanishyura umusoro mu gihembwe mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) ikurikira impera ya buri gihembwe.
- Abasora bafite igicuruzo kiri hejuru ya 200,000,000 Frw bamenyekanisha bakanishyura umusoro buri kwezi mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) ikurikira impera ya buri kwezi

### 3. Umusoro ku Nyungu z'Imigabane

- **10%** kugaciro kiyongereye gakomoka ku kugurisha cyangwa gutanga imigabane n'imitungo.
- Ugomba gutangwa mu minsi 15 ikurikira ukwezi igurishwa cyangwa itangwa byabereyemo.

### 4. Iyindi Misoro Ifatirwa

| Ubwoko | Ijanisha |
|---|---|
| Amafaranga agenerwa ugize Inama y'Ubuyobozi | 30% |
| Inyungu zisohowe mu Rwanda, ibikomoka ku mutungo mu byo ubwenge, inyungu ku myenda , | 15% |
| Ubwishyu bukorewe umuntu utanditswe mu misoro | 15% |
| Igihembo cyatsindiwe mu bikorwa by' imikino y'amahirwe | 25% |

Abakata umusoro bagomba kuwumenyekanisha no kuwishyura mu minsi 15 ikurikira ukwezi imisoro yafatiriwemo.

**Icyitonderwa:**

1. Inyandiko zikubiye muri izi nyigisho ntizisimbura itegeko kuberako zikozwe mu buryo bworoshya imvugo no korohereza abasoma izi nyigisho.
2. Ukeneye inyito zo mu itegeko n'ibisobanuro birambuye wasoma amategeko ari kuri; https://www.rra.gov.rw/en/laws-policies-and-rulings

**For more information or assistance:**

Call Center: 3004

Website: www.rra.gov.rw

3004 @rrainfo Rwanda Revenue Authority Rwanda Revenue

HERE FOR YOU TO SERVE